Professional Bailiffs Association
Corps des Huissiers de Justice Professionnels
Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga

Kigali, ku wa 20/10/2017
Ref No: 458 PBA 2017

**Madame/Bwana Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga (bose)**

Impamvu: **Kwibutswa kubahiriza inshingano**

Madamu/Bwana,

Mpereye ku ibaruwa N° 2392/08.25/NPC/AJD nandikiwe na Bwana Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta ku wa 13/10/2017 ansaba kugaragaza aho Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bakorera;

Nshingiye ku ngingo ya 32 y'itegeko N° 12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga umurimo w'Abahesha b'Inkiko;

Nejejwe no kugusaba gushyira mu bikorwa ibi bikurikira bitarenze ku wa **15/11/2017** :

1. Kwandikira Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta umugaragariza Akarere washyizemo **ibiro byawe by'ifatizo** ukamenyesha Perezida w'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga ;
2. Gushyira **icyapa** kiyobora abantu aho ibiro byawe biri kigaragaraho umwuga ukora, amazina na Telefoni ubonekaho.

Mboneyeho umwanya wo kukumenyesha ko mu ntangiriro z'ukwezi k'**Ukuboza 2017,** Urugaga ruzatangira igenzura mu gihugu hose ry'ibi rugusaba, kandi ko abo ruzasanga batarabyubahirije bazafatirwa ibihano byo mu rwego rwa « discipline » hagamijwe guca akajagari muri uyu mwuga.

Ugire amahoro.

**Me HABIMANA Vedaste**
Perezida w'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga

CORPS DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS KIGALI - RWANDA

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

web:www.pba.co.rw email:info@pba.co.rw twitter:@professBailiffs Po Box 3975 Kigali-Rwanda
Tel 0788306975, 0738306975, 0788485312